Bibiliya y'abana irerekana

# Yakobo umuriganya



yanditswe na: Edward Hughes

yashushanyijwe na: M. Maillot; Lazarus

yahujwe na: M. Kerr; Sarah S; Alastair Paterson

yahinduwe na: Yohani Batisita B.

yasohowe na: Bible for Children
www.M1914.org

©2021 Bible for Children, Inc.
Ufite uruhusa rwo gucapa no gukora kopi y'iyi nkuru
igihe cyose utagamije kugurisha.



Ese Imana yaba yarahaye umuryango wanyu umwana? Mbega uburyo bitungura! Isaka na Rebeka bashobora kuba baragize umunezero wikubye kabiri. Imana yabahaye abana b'impanga.

Abana bakiranira munda ya Rebeka. mu gihe yarimo asenga Imana imubwira ko abana be babiri bahagarariye amahanga abiri. Kandi ko umuto azaba mukuru. mu byukuri uwavutse mbere niwe wari mukuru.  Iherezo abana baravuka.



Izo mpaga ntabwo zisa.  Esawu yari afite ibyoya, ari umuhanga kandi umuhigi.  Yakobo yari afite uruhu runyerera akora akazi ko m'urugo. Ise Isaka yakundaga Esawu cyane. Nyina we agakunda Yakobo.



Umunsi umwe Esawu agira inzara. abwira Yakobo Ati: Mpa kubyo kurya.  Yakobo aramubwira ati: Ngurisha ubutware bwawe bw'ubukuru.  Esawu ntiyigeze aha agaciro isezerano ry'Imana ry'umwana w'Imfura.



Ubwo Yakobo niwe uzaba umutware w'umuryango se amaze gupfa.



Imana yavuganye na Isaka mu ijoro iti: "Ndi Imana ya so Ukubyara, Aburahamu.  Ndi kumwe nawe. Nzaha umugisha abagukomokaho bose."



Nubwo Isaka yasengaga Imana, Umuhungu we Esawu yarongoye abagore babiri b'Abahetikazi ubwoko butubahaga Imana.





Isaka arakura aba umusaza. "Nzanira inyama y'umuhigo" Abwira Esawu. "Hanyuma ndaguha umugisha." Uyu wari umugisha udasanzwe wagenewe umwana w'Imfura. Esawu yihutiye guhiga. Ariko Rebeka arabyumva. Yashakaga ko Yakobo ariwe uhabwa umugisha.



Rebeka yari afite umugambi. Ubwo yatekaga vuba ibiryo Isaka yakundaga, Yakobo yambaye imyambaro ya Esawu  ashyira amoya y'inyamaswa mu biganza bye no mu ijosi.  Isaka ntiyabonaga neza.  bashoboraga kumubeshya.

Yakobo yazaniye Isaka ibyo kurya. "Aramubwira ati: uravuga nka Yakobo" ariko ntumva ibiganza ari ibya Esawu.  Amaze kurya ahesha umugisha umuhungu we apfukamye imbere ye.





Yakobo amaze kugenda Esawu agaruka kureba Isaka.  Agira ati: "akira ibyo kurya." Kuko yari yamenye ko yabeshywe agira ati: "Sinshobora guhindura umugisha".  Umutima wa Esawu wuzura urwango.  Yemeza ko agomba kwica Yakobo.



Rebeka yumva iterabwoba rya Esawu. Abwira Yakobo ngo ajye kwa nyirarume, kugeza ubwo Esawu yibagirwa ibyo yamukoreye. Isaka aha uburenganzira Yakobo bwo gushakana n'umukobwa wo mu muryango wa nyina umubyara.

Muri iryo joro, Yakobo aryama yiseguye ibuye. Yari wenyine asa naho agize ubwoba. Ariko ntabwo yari wenyine. Imana yamuganirije neza mu nzozi.





"Ndi Imana ya sogokuru, Aburahamu.
Ndi kumwe nawe.  Nzaguha iki gihugu.
kandi muri wowe no mu rubyaro rwawe ni mo
imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha."
Yakobo arakanguka.  Yari afite ubwoba.

Labani nyirarume wa Yakobo amwakira neza. Yakobo yakundaga mubyara we Rasheli kandi yari amaze gukorera nyirarume imyaka irindwi kugira ngo bashakane.



Mu ijoro ryo gusezerana Labani yabeshye Yakobo.

Ni Leya ntabwo ari Rasheli, Yakobo arababara. "Murambeshye" Umukobwa w'imfura agomba kubanza gushyingirwa.



Labani arasubiza: Ubu shakana na RAsheli ukore indi myaka irindwi. Yakobo arabyemera. Nawe yibuka ibyo yakoreye Esawu imbere ya Isaka.



Yakobo yari afite abana cumi n'umwe.  Uko Imyaka ishira yumva ashaka kugeza umuryango we I Kanani. Ababyeyi be niyo batuye. Esawu wagambiriye ku mwica ko nawe ariyo atuye ese hari umutekano?



Yarasanganiwe.
Esawu yagiye
gusanganira
Yakobo n'abantu
magana ne!
Ntabwo
yamubabaje.



Yihutiye guhura nawe maze amusuhuzanya urukundo. Yakobo na ESawu bongera baba inshuti, kandi yakobo aba umwere.



Yakobo umuriganya

inkuru yo mu Ijambo ry'Imana, Bibiliya

Yavuye mu gitabo cya

Itangiriro 25-33

"Guhishurirwa amagambo yawe bizana umucyo."
Zaburi 119:130

# Iherezo

Iyi nkuru itubwira iby'Imana yacu
nziza yaturemye kandi ishaka ko tuyimenya.

Imana izi ko twakoze ibintu bibi, yita icyaha. Igihano cy'icyaha ni urupfu, ariko Imana iragukunda cyane kuburyo yohereje umwana wayo w'ikinege, Yesu, apfira ku musaraba maze ahanwa kubw'ibicumuro byawe. Hanyuma Yesu arazuka, ajya mu rugo mu ijuru! Niba wizera Yesu kandi ukamusaba imbabazi z'ibyaha byawe, azabikora! Azaza, abe muri wowe, kandi uzabana nawe ubuzira herezo.

Niba ushaka kuva mu byaha byawe, bwira Imana uti:
Ku nshuti yanjye Mana, Nizera ko Yesu ari jye yapfiriye kandi ko uyu munsi ari muzima. Ndakwinginze ngwino mu buzima bwanjye, mbabarira ibyaha byanjye, kugira ngo none aha mbashe kubona ubuzima bushya, kandi umunsi umwe nzaze kubana nawe ubuzira herezo. Mfasha kukumvira no kubaho ku bwawe nk'umwana wawe. Amina.

Soma Bibiliya maze uvugane n'Imana buri munsi! Yohani 3:16